# Umubano mwiza

## Ingingo z'ingenzi

- Umubano mwiza urangwa no kuganira nta mbereka kandi mu mahoro.
- Uburenganzira ni amasezerano yo gukora ikintu.
- Bwira umuntu wizeye na polisi niba umuntu muri kumwe ashobora kukugira nabi cyangwa se aguteye ubwoba.

### Umubano mwiza ni iki?

Umubano mwiza urangwa no kuganira nta mbereka kandi mu mahoro. Nturangwa no gukomeretsa umubiri cyangwa intekerezo. Mu mubano mubi, umuntu agutera ubwoba kandi akaguhatira gukora ikintu runaka.

### Ubwumvikane

Uburenganzira ni amasezerano yo gukora ikintu. Ntugomba guhatirwa gutanga uburenganzira. Ushobora guhagarika uburenganzira igihe icyo aricyo cyose. Ntabwo ari byiza iyo umuntu aguhatiye gukora ikintu nyuma y'uko wavuze "Oya" cyangwa utabashije kuvuga "Oya" ku bikorwa bimwe bibangamye ni imibonano mpuzabitsina y'agahato no gukorakora cyangwa gusomana ku gahato

### Umutekano w'umubiri n'intekerezo

Uba utekanye ku mubiri no mu ntekerezo igihe udafite ubwoba bw'uko gukorakorwa bizaba mu buryo bukoreshejwe imabaraga cyangwa udashaka. Ntushobora kumva ufite amahoro igihe umuntu aguhonda, agukubita inshyi, ibipfunsi, imigeri, gukurura umusatsi, aguhirika, akuruma, akubabaza cyangwa agukangisha intwaro.

Intekerezo zawe zigira amahoro igihe udakomerekejwe n'amagambo cyangwa ibyiyumviro byawe bidakomeretse. Gukomereka bishobora kubaho igihe umuntu avuze cyangwa akoze ikintu kigutera ubwoba cyangwa kibi kuri wowe. Ntiwagira amahoro igihe hari ibyo umuntu aguhatira, akubwira nabi, akwita amazina y'ibitutsi. Bumwe mu buryo bwo guhohotera umuntu bushobora kuba igihe umuntu akubwiye ibyo ushobora cyangwa udashobora gukora, cyangwa umuntu agukangishije kukugirira nabi cyangwa kwigirira nabi ubwe.

## Ibibazo bikunze kubazwa kenshi:

### Ese nkwiye guhamagara polisi?

Yego. Ihohoreta rikorerwa mu rugo. Polisi ishobora kugufata n'abana bawe ikabajyana mu rugo rw'umuryango wawe cyangwa inshuti yawe cyangwa ahandi hantu hari umutekano nko mu kigo cy'abagore. Igihe umupolisi atavuga ururimi rwawe, shaka undi muntu wo gusemura utari umwana wawe, umugabo wawe, cyangwa umukunzi wawe. Buri gihe saba umupolisi kuzuza "raporo y'ibyabaye" igaragaza neza ibyabereye aho.

### Ese nahabwa icyemezo cy'uburinzi niyo naba ntari umuturage wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika?

Yego. Si ngombwa ko uba umuturage cyangwa gutura mu buryo buhoraho kandi bwemewe n'amategeko kugira ngo uhabwe icyemezo cy'uburinzi.
Ushobora gufata inyandiko y'ubusabe ku Ngoro z'ubutabera, ibigo by'abagore, ibiro bitanga serivisi mu by'amategeko, n'amashami amwe n'amwe ya polisi.

These materials have been approved by the Minnesota Center of Excellence in Newcomer Health.
Thank you to the Colorado Department of Human Services for donating this material for adaptation and translation.

**MUmugabo wanjye ankangisha kujyana abana banjye nindamuka mutaye. Nakora iki?**

Niba umugabo wawe cyangwa umukunzi wawe agukangisha kujyana abana bawe cyangwa kubajyana mu gihugu cye cy’amavuko, saba ubufasha unyuze mu nzira zikurikira:

1. Saba “icyemezo cy'umurezi.” Iki cyemezo gishobora gukumira umugabo wawe cyangwa umukunzi wawe gukura abana muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika.
2. Uhereza ikopi y’icyemezo cy’umurezi ku ishami rya Leta muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika kugira ngo bamukumire kubona viza cyangwa urwandiko rw’inzira by’abana. Ohereza kopi kuri Ambasade y’igihugu cy’umugabo wawe cyangwa umukunzi wawe iri muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika.
3. Ha ikopi y’icyemezo amashuri y’abana bigaho. Bwira abakozi b’ishuri kudaha abana umuntu uwo ariwe wese utari wowe.

**Nzoherezwa mu gihugu nkomokamo ku gahato ninkora kimwe muri ibi?**

Oya. Ntushobora koherezwa mu gihugu ukomokamo ku gahato igihe ugize uwo urega kubera ihohoterwa rikorerwa mu rugo

These materials have been approved by the Minnesota Center of Excellence in Newcomer Health.
Thank you to the Colorado Department of Human Services for donating this material for adaptation and translation.